FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION

Kigali ku wa 25/04/2023

B.P. 2000 Kigali
Email : ferwafa@yahoo.fr
Web site: www.ferwafa.rw

ITANGAZO KU BIFUZA KWANDIKISHA AMAKIPE MU CYICIRO CYA GATATU

FERWAFA iramenyesha abantu bose ko igiye gutangiza Shampiyona y'icyiciro cya gatatu mu bagabo, izajya iba ngarukamwaka.

Ni muri urwo rwego, FERWAFA imenyesha abantu bose bifuza kwandikisha amakipe y'abagabo muri iyi shampiyona ko;

1. Kwiyandikisha bizatangira tariki ya 26 Mata 2023 bikazageza tariki ya 05 Gicurasi 2023,
2. Abifuza kwandikisha amakipe yabo, barasabwa kubinyuza kuri E-mail ya **ferwafaclublicensing@gmail.com**
3. Ibisabwa kugira ngo ikipe yemererwe kwitabira murabisanga ku mugereka w'iri tangazo
4. Amatariki irushanwa rizatangiriraho azatangazwa mu gihe cya vuba
5. Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri numero 0788956312

Bikorewe I Kigali ku wa 24 Mata 2023

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION
FERWAFA
B.P 2000 Kigali
Tel 518525
Fax 518523

KARANGWA Jules
Umunyamabanga Mukuru w'agateganyo wa FERWAFA

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION

IBISABWA KUGIRANGO AMAKIPE AHABWE UBURENGANZIRA (LICENCE) YO KWITABIRA IKICIRO CYA GATATU 2023

1. MU RWEGO RWA SIPORO

- Gahunda yanditse y'igihe kirambye yo guteza imbere umupira w'amaguru mu bana
- Amasezerano y'akazi n'abakinnyi bose b'ikipe n'ubwishingizi bwo kwivuza (contract of all players and medical insurance for players).
- Amabara y'imyenda ikipe izajya yambara, igihe ikinira mu rugo ndetse no hanze (Home and away team colors kits)
- Urutonde rw'abakinnyi bakinira ikipe nkuru.
  icyitonderwa: ku rupapuro rw'umukino (feuille de match) hagomba kuba nibura hagaragaramo abakinnyi batanu(5) bari munsi y'imyaka makumyabiri

2. MU RWEGO RW'IBIKORWAREMEZO (INFRASTRUCTURE)

- Ikibuga cyo gukiniraho cyemewe na FERWAFA
- Kuba ikipe ifite ikibuga cyangwa ifitanye amasezerano na nyir'ikibuga ayiha uburenganzira bwo gukoreraho cyangwa gukiniraho imikino y'amarushanwa ya FERWAFA ikipe izitabira

Ikibuga kigomba kuba cyujuje ibi bikurikira:

- Ikibuga gikinirwaho kigomba kuba nibura gifite uburebure bwa **105m** n'ubugari **68m**
- Amazamu agomba kuba afite uburebura bwa **7m na 32cm** ndetse n'ubugari bwa **2m na 44cm**
- Amazamu agomba kuba asize irangi ry'umweru
- Ikibuga kigomba kuba gifite uburyo bwo gutandukanya abafana n'amakipe akina
- Ikibuga kigomba kuba gifite Ubwiherero

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION
FERWAFA
B.P 2000 Kigali
Tel: 518525
Fax: 518523

3. MU RWEGO RW'IMIYOBORERE N'ABAKOZI

❖ **Ikipe igomba kuba ifite abakozi bakurikira:**

- Umunyamabanga uhoraho ufite nibura impamyabumenyi ya A2
- Ushinzwe imari nibura ufite impamyabumenyi ya A2 mu by'icungamutungo n'imari
- Umuganga nibura umwe na Physioterapist w'ikipe
- Umutoza nibura ufite Licence C
- Abatoza bungirije
- Ushinzwe umutekano (Security officer)
- Abashinzwe umutekano ku kibuga (Stewards)
- Ushinzwe iyamamazabikorwa n'itumanaho by'ikipe (marketing and communication officer)

❖ **Urwego rw'imiyoborere ikipe igomba kuba yujuje ibi bikurikira:**

- Imyirondoro y'ikipe n'aho ibarizwa ikubiyemo:
  - Ikirango cy'ikipe (High resolution electronic logo)
  - Slogan y'ikipe
  - Incamake y'amateka y'ikipe ku rupapuro byibuze rumwe,
  - Umwirondoro w'aho ikipe ibarizwa (physical adress)
  - Imayiri (E-mailaddress), agasanduku kiposita (post address) ndetse n'imbuga nkoranyambaga (twitter, facebook)

Icyitonderwa : buri kipe igomba kwerekana amasezerano y'akazi ifitanye na buri mukozi mu bavugwa haruguru.

4. MU RWEGO RW'AMATEGEKO (LEGAL CRITERIA)

Ikipe igomba kuba ifite ibi bikurikira:

- Kopi y'ubuzimagatozi bwa burundu bw'ikipe yatanzwe n'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha cg ubuzimagatozi bw'agateganyo bugifite agaciro
- Kopi y'amategeko shingiro y'ikipe (status)
- Gusinya ku ndahiro zemera gukurikiza amategeko ya FERWAFA/CAF na FIFA mu gihe cy'amarushanwa.
- Urutonde rw'abagize komite nyobozi n'izindi nzego z'ikipe.

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION
FERWAFA
B.P 2000 Kigali
Tél: 518525
Fax: 518523

5.MU RWEGO RW'IMICUNGIRE N'IMARI (FININCIAL CRITERIA)

- Kuba ikipe ifite Konti muri Banki
- Kwerekana ingengo y'imari y'umwaka w'imikino bari gusabira uruhushya (Licence)
- Kugaragariza FERWAFA umutungo uri kuri konti uzifashishwa mu mwaka w'imikino ikipe isabira.
- Kuba nta mwenda urebana n'imisoro,abakozi bayo cyangwa abahoze ari abakozi b'ikipe (iyo ikipe yemera umwenda ishobora kugaragaza ubwumvikane yagiranye n'uwo ibereyemo umwenda munyandiko)
- Kuba umunyamabanga uhoraho w'ikipe ari muba signateri kuri konti y'ikipe.

Icyitonderwa : Amakipe yose azitabira irushanwa ry'icyiciro cya gatatu mu bagabo agomba kubahiriza amategeko agenga amarushanwa ya FERWAFA

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION
FERWAFA
B.P 2000 Kigali
Tél 518525
Fax 518523